REPUBULIKA Y'U RWANDA

Karongi, ku wa 03./11/2017
N°0127... /07.03/01

INTARA Y'IBURENGERAZUBA
E-mail:westernprovince@westernprovince.gov.rw
B.P 62 KIBUYE

KARONGI DISTRICT
DISTRICT COUNCIL
FOR RECEPTION
Date: 06.11.2017
Signature: ....................................

Bwana Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi
**KARONGI**

**Impamvu**: Imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere yateranye ku wa 18/10/2017

Bwana Muyobozi,

Nkwandikiye ngushimira raporo ikubiyemo imyanzuro y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi yateranye mu nama isanzwe yo ku wa 18/10/2017, wanyohereje ku mugereka w'ibaruwa N° 317/CC/03/0301 yo ku wa 25/10/2017, ikaba yarangezeho ku wa 26/10/2017;

Imyanzuro yafashwe ishyirwe mu bikorwa

Ugire amahoro.

WESTERN PROVINCE
HABIYAREMYE Pierre Celestin
Executive Secretary

**MUNYANTWALI Alphonse**
Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Bimenyeshejwe:**
-Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu
**KIGALI**
-Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Intara y'Iburengerazuba
**KARONGI**
-Bwana Umuyobozi w'Akarere ka Karongi
**KARONGI**

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Karongi, kuwa 25/10/2017

N°................/CC/03/0301

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**INAMA NJYANAMA**
**AKARERE KA KARONGI**
**E-mail:** karongidistrict@karongi.gov.rw
**B.P 23 KIBUYE**

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

RECEPTION
Date: 30/10/2017
Sign: ....

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezeho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI yateranye ku wa 18/10/2017.

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka KARONGI
- Madamu Umuyobozi w'Akarere wungirije....(bose)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka KARONGI

**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

Karongi, kuwa 25/10/2017
N°.....3/17../CC/03/0301

**INTARA Y'IBURENGERAZUBA**
**INAMA NJYANAMA**
**AKARERE KA KARONGI**
**E-mail:** karongidistrict@karongi.gov.rw
**B.P 23 KIBUYE**

WESTERN PROVINCE
26 OCT 2017
RECEIVED BY:

Bwana Guverineri w'Intara y'Iburengerazuba

**Impamvu**: Kohereza imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

Bwana Guverineri,

Nejejwe no kubandikira iyi baruwa ngira ngo mbagezeho ku mugereka wayo, imyanzuro y'inama isanzwe y'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI yateranye ku wa 18/10/2017.

Mugire amahoro.

**MUTANGANA Frederic**
Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka KARONGI

**Bimenyeshejwe:**
- Bwana Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu KIGALI
- Bwana Umuyobozi w'Akarere ka KARONGI
- Madamu Umuyobozi w'Akarere wungirije....(bose)
- Bwana Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere ka KARONGI

## IMYANZURO Y'INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 18/10/2017

Inama yatangiye saa tatu (09h00'), ibera mu cyumba cy'inama cy'Akarere, yitabirwa n'Abajyanama 24/27, iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere, Bwana **MUTANGANA Frederic**

**Ku murongo w'ibyigwa hari:**

1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo .
2. Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018
3. Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'ingengo y'imari 2017-2018, igihembwe cya mbere
4. Kugaragarizwa ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro y'Inama Njyanama
5. Ibindi

Nyuma yo kuganira kuri izi ngingo, Abajyanama 24/27 bafashe imyanzuro ikurikira:

| | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO | UWO BIREBA | IGIHE BIZAKORERWA |
|---|---|---|---|---|
| **01** | Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo . | 1.Nyuma yo gusomerwa inyandikomvugo y'inama yo kuwa 28/06/2017 no kuyikorera ubugororangingo inama yarayemeje.Inama yasanze imyanzuro yarashyizwe mu bikorwa usibye iyikurikira: | Inama Njyanama | 18/10/2017 |
| | | 2. Inama yasabye Komite Nyobozi gutegura inama yaguye n'abanyakarongi baba i Kigali n'ahandi hatandukanye kugirango bagire uruhare mu bikorwa by'Akarere banashishikarizwe gushora imari mu Karere | Komite Nyobozi | 30/11/2017 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 3.Inama yongeye gusaba ko hashyirwaho Team igizwe na (VMED ,BDEU na Komisiyo y'Iterambre ry'Ubukungu ) yihariye yo kwiga ku mikoreshereze y'isoko mpuzamipaka ( Cross Broader market ) kugirango rizatange umusaruro ritegerejweho , Iyi Komisiyo izayoborwa n'Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu | 30/11/2017 |
| 02 | Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018 | Abagize Inama Njyanama bamaze gusesengura ibikubiye mu mihigo ya 2017-2018, hafashwe imyanzuro ikurikira :<br><br>4.Inama yongeye gusaba ko imirenge ya Mutuntu na Rugabano yahabwa umuriro mu rwego rwo kunoza imikorere no kwihutisha iterambere | Komite Nyobozi | 30/06/2018 |
| | | 5.Inama yasabye kunoza ikorwa rya raporo kuko byagaragaye ko ibikubiye muri raporo za buri kwezi bidahura n'ukuri ku byakozwe bityo bigomba gukosorwa bigahuzwa kugirango bigire impinduka nziza ku baturage . | Komite Nyobozi | 30/11/2017 |
| | | 6.Nyuma yo kugaragarizwa ikibazo cy'abaturage bo mu Murenge Ruganda bafite ubutaka bwubatsweho ikigega cyo guhunikamo imyaka ( warehouse) , Inama yasabye ko abaturage bahabwa amafaranga yabo ya expropriation mu gihe cya vuba kuko bagaragaza ko batarishyurwa . | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | 30/12/2017 |
| | | 7.Inama yasabye kongera imbaraga mu mikorere y' Umugoroba w'ababyeyi mu rwego rwo gukemura ibibazo bigaragara mu muryango ( amakimbirane , imirire mibi, isuku nke , ihohoterwa n'ibindi) | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza | 30/11/2017 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 8.Inama yasabye Komite Nyobozi ko amafaranga atangwa agenewe imishinga y'ubudehe , azajya ahabwa abagenerwabikorwa ku gihe na raporo y'imikoreshereze yayo . | Komite Nyobozi | 30/12 /2017 |
| | | 9.Nyuma yo kugaragarizwa ikibazo cy'imicungire y'imishinga minini ikorerwa mu Mirenge ,inama yasabye ko amasezerano ( Contract) ya buri mushinga azajya ashyikirizwa Umurenge igikorwa kiberamo kugirango babikurikirane bazi neza ibikubiyemo . | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | 30/11/2017 |
| | | 10. Nyuma yuko hagaragaye ibikorwa biri mu mihigo 2017-2018 ,( Tax parking , inyubako ya PIASS, Umuyoboro w'amazi wo mu Murenge wa Gishyita , n'ibindi ) ariko bikaba bitarangira,, inama yasabye ko byashyirwamo imbaraga bigakorwa , ahagaragaye imbogamizi zigashakirwa igisubizo ku buryo bwihuse . | Komite Nyobozi | 30/11/2017 |
| | | 11. Nyuma yo kugaragaza ko abaturage batamenya ibikubiye mu mihigo y'Akarere , inama yasabye ko imihigo izajya ishyirwa ku biro by'Utugari n'Imirenge n'ahandi hahurira abantu benshi no mu nama zitanduknye bakabiganiraho mu rwego rwo kuyitangariza abaturage kandi igashyirwa mu rurimi rw'ikinyarwanda . | Komite Nyobozi | 30/12/2017 |
| | | 12.Inama yasabye Komite Nyobozi ko hazajya hagaragazwa icyo inkunga zihabwa abatishoboye zabamariye (VUP,Ubudehe, Girinka ......) abavuye mu cyiciro kimwe bakaja mu kindi ( graduation process) mu rwego kwivana mu bukene . | Umuyobozi w'Akarere ushinzwe imibereho myiza | 30/12/2017 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 13.Inama yasabye ko itorero ry'Umudugudu ritangira gukora na buri muturage akagira isibo abarizwamo . | Komite Nyobozi | 30/12/2017 |
| 03 | Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'ingengo y'imari 2017-2018, igihembwe cya mbere | 14.Nyuma yo gusesengura ishyirwamubikorwa ry'ingengo y'imari 2017-2018 igihembwe cya mbere nkuko biteganywa mu Itegeko **Nº 87/2013 ryo ku wa 11/09/2013** rigena imitunganyirize n'imikorere y'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo ya 135, igika cya 17 ivuga ko Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere asobanura buri mezi atatu (3) raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari imbere y'Inama Njyanama; Abajyanama bashimye uburyo yashyizwe mubikorwa bingana 22% , ariko basabako hongerwa imbaraga mu ikoreshwa ryayo kandi neza . | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | 30/11/2017 |
| 04 | Kugaragarizwa ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro y'Inama Njyanama | 15.Inama yasabye ko abaturage bo mu Murenge wa Mubuga bafashwa kubona serivise zo kuboneza urubyaro mu buryo bwa kizungu (Modern family planning ) kuko ku Kigo nderabuzima cyabo batabikora kuko ari ikigo cya Eglise Catholique . | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza | 30/12/2017 |
| | | 16. Nyuma yo kubona igishushanyombonera cy'Umujyi wa Mubuga , abaturage bagargaza ko abari batangiye kubaka mbere bahagaritswe , abitabiriye Inama Njyanama basabye ko abaturage bari batangiye kubaka mbere y'uko master plan iboneka ,bemerwa kurangiza inyubako zabo kandi n'abashaka ibyangombwa byo kubaka ibijyanye n'igishyushanyombonera bakabibona mu buryo bwihuse . | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe iterambere ry'Ubukungu | 30/11/2017 |
| | | 17.Inama yasabye ko hatangirwa kwishyuza imisoro ya Parking no kumenyesha inzego bireba (Ngali, RRA, n'Imirenge ) . | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | 30/11/2017 |
| | | 18. Inama yasabye Komite Nyobozi gukemura ibibazo by'abaturage bajuririye ibyiciro by'ubudehe bashyizwemo | Komite Nyobozi | 30/11/2017 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | 19. Inama yasabye ko hashyirwaho ubwiherero rusange n'amazi mu isoko ry'amatungo riherereye mu Murenge wa Rubengera rya Kanyiramugozi | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe Iterambere ry'Ubukungu | 30/11/2017 |
| | | 20. Nyuma yaho hagaragarariye imanza gacaca zitarangizwa mu Mirenge itandukanye inama yasabye ko zirangizwa mu gihe cya vuba . | Komite Nyobozi | 30/12/2017 |
| | | 21.Nyuma y'ikibazo cy'imikorere mibi n'imitangire ya service itanoze mu Murenge wa Bwishyura inama yongeye gusaba Komite Nyobozi ko yabasura bakagirwa inama . | Komite Nyobozi | 30/11/2017 |
| | | 22.Inama yemeje ko Kaminuza ya PIASS ihabwa ikibanza cyo kwa Ruganzu giherereye mu Midugudu ya Nyagatovu na Nyagahinga mu Kagari ka Ruragwe, mu Murenge wa Rubengera, nyuma yo kwishyura amafaranga azemezwa n'Umugenagaciro . Ariko ingano y'ikibanza kizahabwa Kaminuza bigomba kubahiriza ibikubiye mu Iteka rya Minisiteri n°04/cab.m/015 ryo ku wa 18/05/2015 rishyiraho amabwiriza ajyanye n'imitunganyirize y'Imijyi n'imyubakire ,Umugereka I w'Iteka ryavuze haruguru ku birebana n'ingano y'inyubako ya Kaminuza | Inama Njyanama | 18/10/2017 |
| | | 23.Nyuma yo gusura site ya Gahama mu kagali ka KINIHA mu Murenge wa Bwishyura , Inama Njyanama yemeje ko hazubakwa Stade y'Akarere ka KARONGI ariko inyigo yayo imaze kwemezwa . | Inama Njyanama | 30/12/2017 |
| | | 24.Inama Njyanama yemeje ko ikibanza cya Nyarurembo giherereye mu Mudugudu wa Nyarurembo mu Kagari ka Kiniha mu Murenge wa Bwishyura hazubakwa gare y'Akarere ka Karongi ikazubakwa | Inama Njyanama | 18/10/2017 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | n'Inkeragutabara (Reserve Force) nyuma yo kwishyura amafaranga azemezwa n'Umugenagaciro. | | |
| | | 25. Nyuma yo kugaragarizwa ikibazo cy'abaturage bahawe inguzanyo muri gahunda ya VUP financial services (VUP/FS) binyuze muri SACCO, ariko ntibishyure , Inama yasabye ko hashyirwaho ingamba zo kwishyuza ayo amafaranga yatanzwe mu buryo bwihuse | Umuyobozi w'Akarere wungirije ushinzwe imibereho myiza | 30/11/2017 |
| | | 26. Nyuma yuko hagaragariye kutumvikana ,imikorere itanoze n'ubumenyi buke mu bagenzuzi b'Akarere (Internal Auditors ),Inama yasabye Komite Nyobozi gukemura icyo kibazo kuko bituma Akarere katagira Clean audit report . | Komite Nyobozi | 30/11/2017 |
| | | 27. Nyuma yo gusesengura ikibazo cya Rwiyemezamirimo Bwana **RUBARE Josias** wubatse ibitaro bya Kibuye , aho yaciwe amande kubera kutubahiriza amasezerano nkuko bigaragazwa na raporo y'Umugenzuzi mukuru w'imari n'umutungo bya Leta (Auditor General ), ariko bigaragara ko yakaswe amande hakurikijwe iminsi y'akazi ( Jour ouvrable ), aho kuba iminsi y'icymweru ( Jour calendrien ) nkuko biri muri contract , agasaba ko Inama Njyanama ireba icyateye icyo kibazo , Inama Njyanama imaze gusesengura imiterere y'ikibazo ,yasanze ntacyari kubuza Akarere gukata amande nkuko muri contract na DAO biteganijwe , bityo basaba Komite Nyobozi gukurikirana icyo kibazo ababigizemo uruhare bakagarura ayo mafarafanga y'ikinyuranyo yagombaga kwishyurwa na Rwiyemezamirimo | Komite Nyobozi | 30/12/2017 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | ndetse bagahanwa hakurijwe amategeko agenga abakozi bakoze amakosa mu kazi | | |
| | | 28. Nyuma y'Ubusabe bw'Akarere basaba Inama Njyanama gusiba imyenda igaragara mu bitabo by'ibaruramari ariko hatagaraga inkomoka yawo , Inama yasabye ko habanza gushakwa amabaruwa yaba nyirumwenda bahakana ko ntamwenda bafitiye Akarere n'impanvu y'uwo mwenda bityo bikazagaragazwa mu nama Njyanama itaha. | Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Akarere | 30/12/2017 |
| | | 29.Inama yemeje imyanzuro y'inama y'Abaperezida yo kuwa 07/09/2017 , 15/09/2017 no kuwa 05/10/2017 ; n'inama za Biro zo kuwa 05/09/2017, yo kuwa 03/10/2017 nkuko biri ku mugereka | Inama Njyanama | 18/10/2017 |
| **05** | Ibindi | 30.Abagize Biro y'Inama Njyanama bagaragaje ikibazo cy'***Umujyanama Bwana KAYIGEMA Vincent*** uhagarariye urubyiruko ku rwego rw'Akarere, aho byagaragaye ko atitabira Inama Njyanama n'iza Komisiyo y'Iterambere ry'Ubukungu abarizwamo , nyuma yo kugaragarizwa ikibazo no gushingira ***ku Iteka Nº002/07.01 ryo ku wa 02/07/2015 rya Minisitiri rigena Amategeko Ngengamikorere y'Inama Njyanama y'Inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage mu ngingo yaryo ya 83 aho bavuga ku cyemezo gifatirwa Umujyanama wasibye inama eshatu (3) zikurikirana z'Inama Njyanama cyangwa za Komisiyo atabimenyesheje Umuyobozi w'Inama Njyanama cyangwa Perezida wa Komisiyo*** | Inama Njyanama | 18/10/2017 |

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| | | ***akoreramo, cyangwa Biro ya Komisiyo igasanga impamvu atanga atari zo, ashyikirizwa Inama Njyanama igafata icyemezo cyo kumwiyama mu nyandiko kandi bikandikwa mu nyandikomvugo*** . Inama yasabye Umujyanama kwisubiraho nibidahinduka hazakurikizwa icyo amategeko ateganya . | | |

Inama yashoje imirimo yayo saa cyenda n'igice (15h30),Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YA BIRO Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 05/09/2017**

Inama yatangiye saa cyenda (15h00), yabereye mu cyumba cy'inama ya unite ya Sante iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **MUTANGANA Frederic**

**Ibiri ku murongo w'ibyigwa :**

1. Gutegura inama y'Abaperezida

2.Kureba aho imihigo igeze 2017-2018

| No | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|---|
| 01 | Gutegura Inama y'Abaperezida | 1.Abari mu nama bemeje ko inama y'Abaperezida izaba kuwa kane taliki ya 07/09/2017.<br><br>**Ikaziga kuri ibi bikurikira :**<br>1. Kureberahamwe imishinga minini y'Akarere aho igeze ishyirwamubikorwa (Imihanda,Cross broader market, Inyigo ya Stade na , Gare)<br>2. Kugaragaza ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama |
| 02 | Kureba aho imihigo igeze 2017-2018 | 2.Nyuma yo gusesengura ibikubiye mu mihigo y'Akarere 2017-2018, inama igasanga hari ibikorwa biri mu mihigo bitaratangira kandi igihembwe cyambere kigiye kurangira , inama yasabye ko ibyo bikorwa |

| | | |
|---|---|---|
| | | byakwihutishwa, harimo ; ( Gare , umuhigo wo kubaka PIASS, ,kubaka umuyoboro w'amazi mu Murenge wa Gishyita, kubaka amashuri ........) |

Inama yasoje imirimo yayo saa kumi n'igice (16h30'),Umuyobozi w'inama ashimira abayitabiriye ndetse n'ibitekezo batanze

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y 'ABAPEREZIDA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 07/09/2017**

Kuri uyu wa kane tariki ya 07 /09/2017, saa cyenda n'igice (15h30) mu cyumba cy'inama cya unite ya Sante habereye inama y'Abaperezida igizwe n'aba bakurikira ( Perezida ba komisiyo bose, Abanyamabanga ba komisiyo bose,abagize biro y'Inama Njyanama . Iyo nama yari iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi **Bwana MUTANGANA Frederic**

**Ku Murongo w'Ibyigwa :**

1. Kureberahamwe imishinga minini y'Akarere aho igeze ishyirwamubikorwa (Imihanda,Cross broader market, Inyigo ya Stade, Gare)
2. Kugaragaza ibyavuye mu ma Komisiyo
3. Ibindi

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe haruguru inama yafashe imyanzuro ikurikira :

| INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|
| 1. Kureberahamwe imishinga minini y'Akarere aho igeze ishyirwamubikorwa (Imihanda,Cross broader market, Inyigo ya Stade, Gare) | 1. Nyuma yo gusesengura ikibazo cy'ikorwa ry'umuhanda (Mu Mujyi –IPRC West ) , inama yasabye ko hakorwa inama mu cyumweru gitaha , ihuza impande zifite uruhare mu ikorwa ry'umuhanda (, Contractor ,ASSETIP , Akarere na Supervisor ), kugirango hafatwe ingamba zo kwihutisha imirimo kuko yadindiye .<br>2. Inama yongeye gusaba ko hakorwa inama ihuza ubuyobozi bw'Akarere n'abikorera (PSF) kugirango hanozwe uburyo bw'imicungire( Management model ) ya cross boarder market .<br>3. Nyuma yo kugaragarizwa ibikubiye mu nyigo ya stade yakozwe hakagaragaramo imbogamizi ku ishyirwamubikorwa , inama yasabye Komite Nyobozi ko hashyirwaho itsinda (Technical team ) ryo kwiga uburyo yakwubakwa ariko bidahenze Akarere . |

| | |
|---|---|
| | 4. Nyuma yo gusesengura ibibazo bigaragara mu mishinga minini y'Akarere ( inyigo ya Stade , gare , cross broader market n'imihanda ) ,abagize inama y'abaperezida bifujeko hakorwa inama ibahuza na Komite Nyobozi izaba kuwa 15/09/2017 igamije kwiga kuri ibyo bibazo bigaragara no kubishakira igisubizo kuburyo burambye .<br>5. Inama yasabye ko ahimukiye gare mu Murenge wa Bwishyura hatunganywa kuko hagaragara umwanda ,umuhanda ujyayo utameze neza n'imvura iyo iguye hareka amazi . |
| 2.Kugaragaza ibyavuye mu ma Komisiyo | 6. Inama yasabye Komite Nyobozi gukemura ikibazo cya EP Rubengera I mu buryo burambye n'ibikoresho byose bigasubira ku ishyuri ryari bigenewe .<br>7. Inama yasabye ko hakorwa urutonde rw'ibibazo by'abaturage ku rwego rw'utugari n'imirenge , kugirango bikemurwe , ibinaniranye bigakorerwa ubuvugizi ku nzego zisumbuye . |
| 3.Ibindi | 8. Inama yasabye ko komisiyo zigomba kujya ziterana bitarenze tariki 20 za buri kwezi<br>9. Nyuma yo kugaragararizwa imiterere y'ikibazo cy'umubaruramari (Accountant ) w'ibitaro bikuru bya Kibuye , inama yasabye Akarere gukurikira imicungire y'abakozi b'ibitaro kugirango , ibibazo bigaragaye bikemurwe kare.<br>10. Nyuma yuko mu Mirenge itandukanye y'Akarere hagaragara abaturage bakoreye ba rwiyemezamirimo ariko ntibahembwe , inama yasabye ko ubuyobozi bw'Akarere bwakora isesengura ry'ibirarane by'abaturage , bagahuzwa n''uwabakoresheje bakishyurwa . |

Inama yashoje imirimo yayo saa kumi n'ebyiri n'igice (18h30),Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YAHUJE BIRO , ABAPEREZIDA BA KOMISIYO Y'INAMA NJYANAMA NA KOMITE NYOBOZI Y' AKARERE KA KARONGI , YO KUWA 15/09/2017**

Kuri uyu wa gatanu tariki ya 15 /09/2017, saa kumi (16h00) mu cyumba cy'inama cya unite ya Sante habereye inama yahuje Biro y'Inama Njyanama y'Akarere, Abaperezida ba Komisiyo ziyigize na Komite Nyobozi y'Akarere . Iyo nama yari iyobowe na Perezida w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi **Bwana MUTANGANA Frederic**

**Ku Murongo w'Ibyigwa :**

1. Imihanda
2. Cross broader market
3. Inyigo ya Stade
4. Ibindi

Nyuma yo kuganira ku ngingo zavuzwe haruguru inama yafashe imyanzuro ikurikira :

| **INGINGO ZAGANIRIWEHO** | UMWANZURO |
|---|---|
| 1. Imihanda | 1. Nyuma yo gusesengura ikibazo cy'ikorwa ry'imihanda yo mu Murenge wa Bwishyura ( umuhanda wa Kaburimbo n'uwibitaka ) , inama yasabye ko hakorwa inama , ihuza impande zifite uruhare mu ikorwa ry'umuhanda (, Contractor ,ASSETIP , Akarere na Supervisor ), ndetse hakiyongeraho Biro y'Inama Njyanama n'Abaperezida ba za |

| | |
|---|---|
| | Komisiyo kugirango hafatwe ingamba zo kwihutisha imirimo no gukemura ibibazo bigaraga mu ikorwa ry'iyi mihanda, iyo nama ikazaba kuwa 18/09/2017 saa cyenda ( 15h00) |
| 2.Cross broader market | 2. Nyuma yo kugaragarizwa imirimo imaze gukorwa kugirango cross broader market izashobore gukora neza kandi itange umusaruro, inama yasabye Komite Nyobozi ko hashyirwaho itsinda (Technical Team ) ryo kwiga ku buryo bw'imikoreshereze y'isoko ndengamipaka no gukangurira abikorera kuhashora imari |
| 3.Inyigo ya Stade | 3. Nyuma yo kugaragariza imirimo yakozwe ku nyigo ya stade ndetse n'imbogamizi zagiye zigaragazwa n'itsinda riri kubikoraho , inama yasabye ko nyuma yo kunoza uyu mushinga uzashyikirizwa Inama Njyanama itaha .<br>4. Inama yasabye ko mu rwego rwo guteza imbere umujyi wa Bwishyura, Stade iteganywa kubakwa yashyirwa mu Murenge wa Bwishyura |
| 4.Ibindi | 5. Nyuma yo kubona ko Komite Nyobozi yahaye ikibanza PIASS bitemejwe n'Inama Njyanama ,Inama yasabye Komisiyo y'iterambere n'ubukungu gusura ibibanza bitandukanye , ( Kanyiramugozi , Gahama no Kwa Ruganzu ) , nyuma bikazashyikirizwa Inama Njyanama kugirango bifatweho umwanzuro mu buryo bukurikije amategeko . |

Inama yashoje imirimo yayo saa moya n'igice (19h30),Umuyobozi w'Inama Njyanama ashimira abayitabiriye n'ibitekerezo batanze .

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA YA BIRO MU NAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 03/10/2017**

Inama yatangiye saa munani (14h00), yabereye mu cyumba cy'inama ya unite ya Sante iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **MUTANGANA Frederic**

**Ibiri ku murongo w'ibyigwa :**

1. Gutegura inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere
2. Kureba aho imihigo igeze 2017-2018

| No | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|---|
| 01. | Gutegura inama y'Inama Njyanama isanzwe y'Akarere | 1.Nyuma yo kungurana ibitekerezo no kureberahamwe ,ibibazo bihari bikeneye ko Inama Njyanama yabifataho umwanzuro ,abagize Biro bemeje ko iziga ku ngingo zikurikira :<br>1. Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama isanzwe y'Inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo .<br>2. Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018<br>3. Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'ingengo y'imari 2017-2018, igihembwe cya mbere<br>4. Kugaragarizwa ibyavuye mu ma Komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'Abaperezida na Biro y'Inama Njyanama<br>5. Ibindi<br>Ariko abagize Inama ya Biro bemeje ko bizanozwa neza mu nama y'Abaperezida iteganijwe kuwa 05/10/2017 |



| | | |
|---|---|---|
| 02 | Kureba aho imihigo igeze 2017-2018 | 2.Nyuma yo gusesengura ibikubiye mu mihigo y'Akarere 2017-2018 , Inama yasanze , ishyirwamubikorwa rigenda neza ariko hagaragara imihigo ifite imbogamizi itararangira ariyo ,Imihanda yo Murenge wa Bwishyura yari mu mihigo y'Umwaka ushize ikaba itararangira na IDP model ya Rugabano ,Abitabiriye inama basaba ko Komite Nyobozi yakorana inama n'abafite uruhare mu ishyirwamubikorwa ry'iyi mihigo .<br>✓ Inama yongera gusaba ko NAEB yandikirwa basabwa kubahiriza ibyo biyemeje kugirango imirimo yo kuzuza IDP model ya RUGABANO irangire .<br>✓ Imihigo y'umwaka 2017-2018 ,itaratangira ,inama yasabye Komite Nyobozi , gusesengura imbogamizi zihari ndetse bakifashisha n'izindi nzego zifite uruhare ku ishyirwamubikorwa ryayo |

Inama yasoje imirimo yayo saa cyenda n'igice (15h30'),Umuyobozi w'inama ashimimira abitabiriye

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**INYANDIKOMVUGO Y'INAMA Y'ABAPEREZIDA Y'INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI YO KUWA 05/10/2017**

Inama yatangiye saa munani (14h00), mu cyumba cy'inama ya unite ya Sante iyobowe n'Umuyobozi w'Inama Njyanama Bwana **MUTANGANA Frederic**

**Ibiri ku murongo w'ibyigwa :**

1. Gutegura Inama Njyanama

2. Kugaragarizwa ibyavuye mu ma komisiyo

| No | INGINGO ZAGANIRIWEHO | UMWANZURO |
|---|---|---|
| 01 | Gutegura inama y'Inama Njyanama | 1. Abari mu nama bemeje ko inama y'Inama Njyanama y'Akarere izaba kuwa gatunu taliki ya 13/10/2017, ikaziga kuri ibi bikurikira:<br>➢ Gusoma no kwemeza inyandikomvugo y'inama Njyanama iheruka no gusuzuma raporo y'ishyirwamubikorwa ry'imyanzuro yayo.<br>➢ Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'imihigo 2017-2018.<br>➢ Kureberahamwe ishyirwamubikorwa ry'ingengo y'imari 2017-2018, igihembwe cya mbere.<br>➢ Kugaragarizwa ibyavuye mu ma komisiyo y'Inama Njyanama no kwemeza imyanzuro y'inama z'abaperezida na Biro y'Inama Njyanma,<br>➢ Ibindi |
| 02 | Kugaragarizwa ibyavuye mu ma komisiyo | 2. Inama yemejwe ko PIASS yahabwa ikibanza cyo kwa Ruganzu kuko nyuma yo kuhasura basanze hari ubutaka buhagije bwo kubakaho.<br>3. Inama yemeje ko stade y'akarere ka Karongi izubakwa mu murenge wa Bwishyura kuri site ya Gahama.<br>4. Inama yemeje ko mu murenge wa Mubuga hashyirwa pepiniere y' ikawa kuko byagaragaye ko ari zone y' ubuhinzi bw' ikawa. |

| | | |
|---|---|---|
| | | 5. Nyuma y' aho hagaragaye amatara ku muhanda wo mu Murenge wa Mubuga na Bwishyura atabona kandi bika bimaze igihe inama yasabye ko byakosorwa kuko biteza umutekano muke.<br><br>6. Inama yasabye ko hakorwa ubuvugizi bwa maternite ya centre de sante ya Mubuga ikarangizwa kubakwa kuko imaze igihe kinini kandi ikenewe<br><br>7. Inama yasabye ko service zihabwa abatishoboye zanozwa kuko hari aho zidatangwa nkuko bikwiye bityo bikagira ingaruka kubazihabwa.<br><br>8. Inama yasabye ko hakorwa ubugizi amavomo ari mu murenge wa Rubengera afunze hanyuma agafungurwa, kuko mu mavomo 101 abarizwa mu murenge 66 gusa niyo akoreshwa andi arafunze ibyo bikagira ingaruka mbi ku baturage kuko barwara indwara ziterwa n' amazi mabi bavoma. |

Inama yasoje imirimo yayo saa kumi n'imwe (17h00'),Umuyobozi w'inama ashimira abayitabiriye ndetse n'ibitekezo batanze

**MUREKATETE Marie Rose**

Umunyamabanga w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

**MUTANGANA Frederic**

Umuyobozi w'Inama Njyanama y'Akarere ka Karongi

# INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI

## URUTONDE RW'ABAGIZE INAMA NJYANAMA Y'AKARERE KA KARONGI BITABIRIYE INAMA ISANZWE Y'INAMA NJYANAMA YO KUWA 18/10/2017

| N° | Amazina | Igitsina | Umurenge | Email | Telefone | Isaha ahagereye | Umukono |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 1 | AGASARO Aurore | F | Bwishyura | Agasaro2010@gmail.com | 0788667363 | | |
| 2 | BAGWIRE Esperance | F | Rubengera | esperancebagwire@yahoo.com | 0788422766 | | |
| 3 | BYABAGABO NZOYIBONA Claude | M | Gishyita | byanzo@yahoo.fr | 0788727087 | 8h45 | |
| 4 | BASIIME Jossy (Vice President) | M | Twumba | Jbasiimec63@gmail.com | 0788409675<br>0783725501 | 8h40 | |
| 5 | GAHIZI Alexis | M | Gitesi | gahizialexi@gmail.com | 0788418906 | 9h | |
| 6 | HABIMANA Emmanuel | M | Ruganda | Emmanuelhabimana2015@gmail.com | 0782046789 | 9h 10min | |
| 7 | KAMANZI Felix | M | Murundi | Kamanzifelix2015@gmail.com | 0783862264 | 8h20 | |
| 8 | KARAGIRE Gonzague | M | Murambi | goonzaleess@yahoo.fr | 0788648897 | | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 9 | KAYIGEMA Vincent | M | Rwankuba | vincentkayigema@gmail.com | 0788549114 | | |
| 10 | MUKAMANA Therese | F | Rubengera | mukather13@gmail.com | 0788879942 | | |
| 11 | MUKAMANA Florence | F | Gishyita | floremus2011@yahoo.fr | 0788852583<br>0728852583 | | |
| 12 | MUKANDEKEZI Françoise | F | Gitesi | mfrancoise@yahoo.fr | 0788518877 | | |
| 13 | MUKASHEMA Catherine | F | Mutuntu | - | 0786840230 | 8h00 | |
| 14 | MUKASHEMA Drocelle | F | Murambi | mudro80@yahoo.fr | 0783725640 | 10h00 | |
| 15 | MUKASINE Dative | F | Rwankuba | mukasinedative@gmail.com | 0783420808 | 8h50' | |
| 16 | MUREKATETE Antoinette | F | Twumba | murekateteantoine@gmail.com | 0783421299 | 8:40 | |
| 17 | MUREKATETE Marie Rose (Secretaire) | F | Bwishyura | muremarose@yahoo.fr | 0788899835 | 8h40' | |
| 18 | MUTANGANA Frederic(President) | M | Gashari | fredericmutangana@gmail.com | 07883052950 | 8h30 | |
| 19 | MWIZA Ernest | M | Bwishyura | mwizae@yahoo.com | 0788530438 | 8h35' | |

| | | | | | | | |
|---|---|---|---|---|---|---|---|
| 20 | NAYITURIKI Esperance | F | Mubuga | enayituriki@yahoo.fr | 0788832048 | 8h20 | [signature] |
| 21 | NDAYISABA François | M | Rwankuba | ndayisabafrancis@gmail.com | 0788892749 | 8h30 | [signature] |
| 22 | NDIHOKUBWIMANA Frodouard | M | Gitesi | ndihokubwimana@yahoo.fr | 0788614057 | 8h10 | [signature] |
| 23 | NGOBOKA Vincent | M | Rwankuba | Vincentngoboka07@yahoo.com | 0788508780<br>0783428364 | 09h00' | [signature] |
| 24 | NYAMURINDA Protais | M | Rubengera | nyprotais@yahoo.fr | 0788598768<br>0783420657 | 8h55 | [signature] |
| 25 | NZAMUTUMA Azarias | M | Mutuntu | Azarnzam01@yahoo.fr | 0788679705<br>0789716469 | 9:00 | [signature] |
| 26 | TWAGIRAYEZU Emmanuel | M | Mubuga | twagirayezu10@yahoo.fr | 0788842557 | 8h30' | [signature] |
| 27 | TWAMBAJEMARIYA Jeanne d'Arc | F | Rubengera | twambajejeanne@yahoo.fr | 07884871813 | 8h50' | [signature] |